# Indwara z'ibanze n'ibyonnyi

| Indwara / Ibyonnyi | Ibimenyetso | Wayirwanya ute? | Ibipimo bikoreshwa k'umuti |
|---|---|---|---|
| Utunyugunyugu two ku mashu |  -Gutobagurika kw'amababi<br>-Ingemwe zirangirika | -Zitira umurima utera ibigori byegeranye cyane ku mpande<br>-Sasira umurima.<br>-Tera umuti ugizwe na "Neem extract"(Azadirachtin) cyangwa lamda cyalothrin | Vanga 1 ml y' umuti muri litiro 1 y'amazi |
| Ububore bw'ishu |  -Ibimenyetso bya mbere bigaragarira ku nkondo y'ikibabi cyegereye ubutaka bikagenda bizamuka kugeza hejuru.<br>-Igira impumuro mbi | -Simburanya neza ibihingwa<br>-Irinde gukomeretsa amashu nko mu gihe cy'ibagara.<br>-Oza intoki n'ibikoresho bikenewe mu isarura<br>-Sarura amashu amaze kwera neza<br>-Tera imiti irwanya uduhumyo ifitemo copper hydroxide nka FUNGURAN mu gihe ishu riri kubumba. Ukabikora imvura ihise. | Vanga 20 g y' umuti muri litiro 20 z'amazi |
| Inda |  | -Tegura neza umurima uvanamo urwiri<br>-Irinde gukoresha ifumbire irimo azote nyinshi<br>-Tera amashu hamwe n'ibindi bihingwa nk'ibitunguru, tunguru sumu.<br>-Sasira umurima.<br>-Tera umuti ugizwe na "Neem extract" (Azadirachtin) cyangwa lamda cyalothrin | Vanga 1 ml y' umuti muri litiro 1 y'amazi |
| Isazi z'umweru |  | -Kwirinda gukoresha ifumbire irimo azote nyinshi<br>-Tera umuti ugizwe na "Neem extract" cyangwa azadirachtin cyangwa lamda cyalothrin | Vanga 1 ml y' umuti muri litiro 1 y'amazi |